MISSA Y'IGITARAMO CYA PASIKA : PASIKA NZIZA KURI TWESE

Umwepiskopi yatangije Igitaramo cya Pasika kuri uyu wagatandatu tariki 31 werurwe 2018, aha umugisha umuriro, ari nawo uza gukongezwaho Itara rya Pasika.

Ubutumwa Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yatanze mu gitaramo cya Pasika :

Bakristu Bavandimwe,

Muri uyu mugoroba muhire, muri iri joro rihire, turi mu byishimo byo kwibuka Izuka mu bapfuye ry'Umukiza wacu Yezu Kristu, imvugo n'indamukanyo bigezweho ni Pasika Nziza. Hamwe n'aba basaseridoti dufatanyije gutura iki Gitambo cya Missa, tubifurije umunsi mukuru mwiza wa PASIKA. Ndagira ngo namwe aho mwicaye ahongaho mwifurizanye Pasika Nziza. Buri wese nahane ikiganza na mugenzi we umuri iburyo n'umuri ibumoso mwifurizanye PASIKA NZIZA.

Twishimire ko Kristu yatsinze icyaha n'urupfu. Kristu ni muzima. Twishime tunezerwe : ALLELUIA.

Koko rero Bakristu , Bavandimwe, uyu munsi mukuru wa Pasika duhimbaza buri mwaka,ni umunsi udutera ibyishimo bya gahebuzo, kuko ari wo twibukaho ko Kristu yapfuye, agahambwa, ariko ku munsi wa gatatu akazuka, akava ibuzimu akagaruka ibuzima. Turangije ya minsi 40 y'Igisibo. Iminsi y'akababaro, kuko itwibutsa amagorwa,agashinyaguro,ibitotezo,inabi,Kristu yagiriwe hano ku Isi. By'umwihariko muri iki cyumweru gitagatifu dushoje,kuwa gatanu mutagatifu twifatanyije na Yezu Kristu mu rupfu rwe ku musaraba. Muri iki cyumweru gitagatifu rero turangije twari dufite agahinda,tumeze nk'abantu bari mu kababaro kuko bapfushije. Ku wa kane mutagatifu no kuwa gatanu mutagatifu dukora ibitaramo by'amaganya. Nyamara igitaramo cyo kuri uyu wa gatandatu mutagatifu cyo si icy'amaganya n'agahinda,ahubwo n'igitaramo cy'ibyishimo. Ni nayo mpamvu tugitangiza umuhango w'Urumuri twakoreye hariya hanze. Uriya muhango twakoreye hariya hanze tukawukomereza hano mu Kiliziya ni utugaragariza ko Yezu Kristu ari urumuri rutumurikira tukava mu mwijima tujya mu rumuri, tukava mu rupfu tujya mu buzima. Nicyo gituma mubona mu minsi mikuru ya Pasika twubaha ririya tara, mukabona turitera icyotezo.

Yezu Kristu wazutse ni Urumuri rubonesherezа imitima yacu. Muri ya ndirimbo umupadiri yaturirimbiye ytwa ''Exultet'', mu rurimi rw'ikiratini, bivuga mu kinyarwanda''Indirimbo yamamaza Pasika'' ni urwo rumuri rwa Kristu twishimiraga, duhimbawe nk'inteko y'abamalayika bo mu Ijuru.

Uyu mugoroba rero utubere umugoroba w'ibyishimo dutewe n'urwo rumuri rwacu Yezu Kristu. Abari hamwe na Yezu Kristu igihe atotejwe, akicwa ,agahambwa,batashye bababaye, bihebye,babona ko agakiza bari bamutegerejeho karangiye,ndetse bamwe bicuza impamvu barindagiye bamwiruka inyuma. Kuba rero yarizuye mu bapfuye byabaye igitangaza gikomeye cyo kwerekana ko agakiza kacu kadakwiye gushidikanwaho. Muri iri joro nibwo ikizwa ryacu ryagiye ahagaragara maze abakunzi ba Yezu Kristu bongera kugira ibyishimo,maze baririmba bivuga ibigwi ko batsinze, naho abanzi be, abishi be, abamurwanyaga, baramanjirwa ntibasobanukirwa,ari bwo nka Yuda yahisemo kwimanika mu kagozi.

Mu Ivanjili twumvise ba bagore Mariya Madalena na Mariya nyina wa Yakobo na Salome bazindutse bajya guterra imibavu umurambo wa Yezu,ariko bagatungurwa no gusanga umurambo wa Yezu utari mu mva. Twumvise ko bagize ubwoba bwinshi cyane , maze umumalayika wa Nyagasani akabamara ubwoba ababwira ati : Mwigira ubwoba. Murashaka Yezu w'i Nazareti, uwabambwe ku musaraba ; yazutse ntari hano. Byabaye igitangaza kuri bo ku buryo bitari byoroshye ku byiyumvisha. Umwanditsi w'Ivanjili atubwira ko basohotse ahongaho bahinda umushyitsi ndetse ngo babanza gutinya kugira uwo babibwira kubera ubwoba. Muri iri joro rihire rya Pasiak,niho icyaha n'urupfu byatsinzwe. Muri iri joro rihire rya Pasika, niho urumuri rwa Kristu rwahigitse umwijima. Muri iri joro rihire rya Pasika,niho Kristu yatweretse ko natwe ashaka kudukura ibuzimu akadushyira ibuzima. Bavandimwe Kristu ni muzima.

Kristu arashaka ko tuba bazima. Kristu yatsinze urupfu kugirango aduhe ubuzima. Nitumukundire rero tureke atugire bazima. Uretse ubu ngubu tubona abantu bagenda abata umuco,bakabura ubumuntu n'umutimanama, ubusanzwe umuntu waguhaye ubuzima ntacyo wamugurana. Ntiwarota umuhemukira. Nyamara twebwe ni kenshi duhemukira Yezu waduhaye ubuzima. Ni kenshi duhemukira abavandimwe bacu twakagombye kubonamo Yezu Kristu kuko dusangiye ubuzima twese duhabwa n'Imana. Iyo tubahemukiye ni Yezu tuba duhemukiye, kuko ntahandi tuzabonera Yezu atari mu bavandimwe bacu. Kristu ahora ashaka kuduha ubuzima,ariko twebwe rimwe na rimwe tukamutera umugongo,tukamugurana ibyo twibwira ko ari byo bidushimisha nyamara ahubwo bidukururira urupfu. Iyo duhisemo ibidukururira urupfu tukirengagiza ibitujyana mu buzima Yezu yatwihereye kandi yaturonkeye ku musaraba tuba dutangiye kuba nka muntu w'umutindi bavuga ko bamushyira heza akishyira habi.

Nta muntu rero utekereza , ufite ubwenge buzima wo kwishyira ahabi areba aheza. Kristu sicyo yapfiriye, yapfiriye kugirango ineza iganze inabi, kugirango ikibi gisimburwe n'icyiza. Kristu aradusaba kuzukana nawe, kuva muri wa muntu w'igisazira tukaba abantu bashya.

Bakristu bavandimwe ng'uko uko dukwiye kumva Pasika,nguko uko dukwiye kwakira no guhimbaza Pasika, nguko uko dukwiye kugira Pasika yacu isa n'iya Yezu Kristu. Natwe tukava mu rupfu tujya mu buzima burangwa n'urukundo n'ineza. Muri ya masomo twumvise mu

kanya yo mu isezerano rya kera, twumvise uburyo Abayisiraheli bahimbaje bwa mbere Pasika yabo babisabwe na Musa kugirango bashimire Imana ibyiza yari imaze kubagirira ibakura ku ngoyi y'ubucakara bw'abanyamisiri. Koko rero nk'uko twabyumvise, aho bamariye kwambuka ya nyanja itukura bagakira babanzi babo babahigaga bashaka kubamaraho, bakoze umunsi mukuru bariruhutsa, bakora Pasika. Icyo gihe muri ibyo byishimo byabo baririmbiye Imana, bayishimira ko ibakuye ahakomeye.

Pasika rero duhimbaza buri mwaka , natwe tugomba kuyihimbaza twigana abo bayisiraheri. Bo bayishimiraga ko ibavanye mu bucakara,twebwe rero tugomba kuyishimira birenze kure ibyabo,kuko twebwe yashatse kudukura mu rupfu ikaduha ubuzima. Mu kanya navugaga ko umuntu ugushubije ubuzima ntacyo wamugurana. Iyo umuntu yarwaye cyane akaremba, akivuza bikananirana,bigatinda akazagira amahirwe yo kubona umuganga umukiza indwara ye,uwo muganga uwo murwayi ahora amuvuga ibigwi,amurangira n'abandi barwayi. Ukabona umuntu avuye hano agiye kwivuriza i Kibungo,i Cyangugu, i Butare n'ahandi kubera umuganga bahamurangiye. Natwe rero bakristu bavandimwe, Kristu waduhaye ubuzima, tugomba guhora tumuvuga ibigwi,tugomba guhora tumubwira abandi,abatamuzi tukamubagezaho. Kwakundi tumenyereye ko ukugiriye neza umwitura, natwe iyo neza Yezu yatugiriye tukamenya kuyimwitura dukurikiza inama n'ingero nziza yadusigiye. Tukamwitura iyo neza tugerageza kubana mu rukundo rwa kivandimwe,turangwa n'ubumwe, duhana amahoro,turi abanyakuri, turi intungane,turi inyangamugayo,turi abanyampuhwe nk'uko Data wo mu Ijuru ari umunyampuhwe.

Nk'abakristu nyabo duhe agaciro isano dufitanye nk'abana b'Imana. Duhereye kuri buriya buryo Imana yarokoye abayisiraheri nubwo bari barayigomeye, tukareba n'ukuntu Kristu yaje kurokora iyi si yacu y'abanyabyaha, twavuga ko Pasika ari umunsi mukuru ukomorera abanyabyaha, twavuga ko Pasika ari umunsi mukuru uhumuriza abababaye,twavuga ko Pasika ari umunsi mukuru uca inzangano n'inzika, ukagarura amahoro mu bantu. Ngaho rero bandimwe duhimbaze Pasika natwe muri ubwo buryo. Maze abagenderaga mu mwijima w'ibyaha babisezerere uyu munsi. Abashavuye kubera ibibazo binyuranye by'ubuzima, uyu munsi bagane Kristu we mizero yabo. Abasabitswe n'urwango, ubugome, ubugambanyi, inabi, uyu munsi babizinukwe, babishingukemo kuko ntamushinga urimo, maze mu mitima yabo hature amahoro, ineza n'ituze,Kristu wazutse ahabone icyicaro.

Bakristu bavandimwe ndagira ngo ndangize mbibutsa ko nk'uko bigenda buri gihe mu gitaramo nk'iki ngiki cya Pasika,tugiye gusubira mu masezerano yacu ya Batisimu kuko Pasika ari n'urwibutso rwa Batisimu yacu. Uyu munsi turongera guterwa amazi y'umugisha atwibutsa ko tugomba guhora dusukuye mu mitima yacu. Uko gusubira mu masezerano ya Batisimu no guterwa amazi y'umugisha, bitwibutse ko igihe twabatizwaga twahawe ubuzima bushya, tukanga icyaha tukazukira ubugingo bw'iteka.

Nk'uko Pawulo Mutagatifu yabitwibukije mu isomo ryo mu ibaruwa yandikiye abanyaroma, aho yatwibukije ko twese ababatijwe muri Kristu, ari mu rupfu rwe twabatirijwemo. Aho yatwibukije ko ku bwa batisimu twahambanywe nawe mu rupfu rwe, kugirango uko Kristu yazuwe mu bapfuye n'ikuzo rya Data, bityo natwe tugendere mu buzima bushya. Batisimu tugiye kwiyibutsa rero itubere n'umwanya wo gusubiza amaso inyuma, twisuzume turebe amasezerano twagiranye n'Imana tuyubahiriza koko. Amasezerano tuza kuvugurura rero ntibibe mu magambo gusa,ahubwo tuyavugurure bituvuye ku mutima nk'uko byagenze igihe twabatizwaga, cyangwa se igihe ababyeyi bacu batubatirishaga maze iyi Pasika duhimbaje turi no mu mwaka w'ubwiyunge muri Kiliziya yacu utume twongera kwibuka iriya ntego yacu twakuye muri Sinode igira iti: Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo twarabyiyemeje. Pasika yacu tuyihimbaze tuyihuza n'iyi ntego bityo dukunde tuzukane na Yezu Kristu.

Mukomeze mugire Pasika nziza. Alleluya mu ngo zanyu mwese.

Nyagasani Yezu nabane namwe

Umwepiskopi yatagatifuje iriba rya Batisimu;

UBUKRISTU
UBUVANDIMWE NYABWO
TWARABYIYEMEJE

IHS

PASIKA NZIZA KURI TWESE: NYAGASANI YAZUTSE KOKO ALLELUYA ALLELUYA.